Bibiliya y'abana
irerekana

Umwana w'umwami aba umushumba

yanditswe na: Edward Hughes
yashushanyijwe na: M. Maillot; Lazarus
yahujwe na: E. Frischbutter; Sarah S.
yahinduwe na: Yohani Batisita B.
yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

BFC
PO Box 3
Winnipeg, MB R3C 2G1
Canada

©2014 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.


umunsi umwe Mose
abona Umunyegiputa
akubita umucakara
w'umuheburayo. Nubwo
Mose yakuriye ndetse
akarerwa nk'umwana
w'umwami mu rugo
rwa Farawo,
nawe yari
Umuheburayo.
Byabaye
ngombwa
ko afasha umucakara.

Akebaguza impande zose abona nta wuhari umureba arwanya umutware w'abacakara. Mu gihe barwanaga Mose yica uwo Munyegiputa. Vuba vuba aramuhamba.

Bukeye bwaho, Mose abona Abaheburayo babiri barwana. Yihutira kubakiranura. Umwe muri bo agira ati, "Ushaka kunyica nk'uko wishe wa Munyegiputa?" Mose aratinya. Bose banyema ibyo yakoze. Farawo nawe arabimenya. Mose arahunga.

Ajya mu gihigu cy'i Midiyani.



Aruhuka yicaye iruhande rw'iriba, abakobwa barindwi b'umutambyi w'I Midiyani baraza badahirira intama za se buzuza ibibumbiro amazi.



Abandi bashumba baraza barabirukana. Mose araza arabatabara yuhira umukumbi wabo.



"Noneho ko mutebutse!" Reweli se w'abakobwa biramutangaza. Basobanuriye se impamvu, arabasubiza ati, "nimumuhamagare aze hano." Mose abana na Reweli, witwaga Yetiro.
Reweli amushyingira umukobwa we w'imfura.


Asubira muri Egiputa, Farawo
arapfa. Abaheburayo
ubwoko bw'Imana bari
bagikora imirimo y'uburetwa.
Mbega uburyo banihishwa
n'uburetwa!
Mbega uburyo batakira
Uwiteka! Imana
yumva umuniho wabo.

Mose ntiyabimenye, ariko Imana yateguye kumukoresha mu kubohora Abaheburayo mu bucakara. Imyaka mirongo ine yar'irangiye Mose avuye muri Egiputa. Yaragiraga umukumbi wa Reweli. Ariko yaburanye n'ubwoko bwe yasize muri Egiputa.

Umunsi umwe Mose abona igihuru cyakamo umuriro. Ariko icyo gihuru nticyakongoka. Mose atambikishwa no kubireba.



Uko Mose yegeraga, Imana imuhamagara iri hagati muri icyo gihuru. "Mose!" Mose aritaba ati "karame". Imana iramubwira iti "Wikwegera hano". "Kwetura inkweto mu birenge byawe kuko aho uhagaze aho ari ahera".



Imana iravuga iti, "Nzagutuma kuri Farawo ukure muri Egiputa ubwoko bwanjye". Mose bimutera ubwoba kujyayo.



Maze Imana yereka Mose imbaraga zayo.
Ihindura inkoni ya Mose Inzoka.



Mose afata ya nzoka umurizo ayitora hasi maze irongera iba inkoni mu ntoki ze. Imana yongera imuha ikindi kimenyetso.

Uwiteka aramubwira ati, "Ishyire ikiganza mu gituza." Mose arabikora. Agikuyemo Ikiganza kiza cyera cyuzuyeho ibibembe.

Yongera kubikora agikuyemo kiza gihwanye n'undi mubiri wose.

Mose akomeza kunangira. "sindi intyoza mu magambo", abwira Imana. Imana irarakara. Iramubwira iti "nzakoresha Aroni mwene so kuvuga amagambo umubwiye".



Mose aragenda asubira kwa Yetiro, apakira ibye byose yerekeza muri Egiputa.

Imana iyobora Aroni mwene se wa Mose kumusanganira mu musozi. Mose abwira Aroni umugambi w'Imana wo kuvana Abaheburayo mu bucakara muri Egiputa.

Bombi baragenda bateranya abakuru b'Abaheburayo bababwira amagambo Uwiteka yabatumye. Mose akorera bya bimenyetso imbere y'abakuru b'Abaheburayo, bamenya ko Imana izabafasha. Bose hamwe, bapfukamira Imana barayiramya.




Hanyuma y'ibyo, Mose na Aroni baragenda bajya kwa Farawo. Baramubwira bati, Imana yavuze ngo "rekura ubwoko bwanjye bugende."

Farawo arasubiza ati, "Sinarekura Abisirayeli". Sinzi Uwiteka. Imana yakoresheje imbaraga zayo ngo ihindure imigambi ya Farawo.

Umwana w'umwami aba umushumba

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Kuva 2-5

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16